BUFFALO
SEWER AUTHORITY

# Ubugenzuzi bw'umuyoboro umena imyanda mu muhanda wa Breckenbridge

**IBISOBANURO KU MUSHINGA WO KUGENZURA UMUYOBORO W'IHULIRO RY'INDI MIYOBORO UMENA IMYANDA MU MUHANDA WA BRECKENBRIDGE (CSO)**

## Ni kuki Buffalo Sewer ilimo gukora uyu mushinga?

Ikigo cya Buffalo Sewer kirakorana umwete mu gutunganya ibikorwa remezo byo gutwara imyanda munsi y'ubutaka mu buryo buhendutse kandi bugomba kugabanya imena ry'imyanda (CSO) yanduza ahanyura amazi.

Uyu mushinga uzasimbura kandi usane imiyoboro imaze imyaka irenga 100 wongere uyihe icyerekezo kigana ku ruganda ruyungurura amazi ava mu myanda, ali nako ugabanya uruhulirane rw'imyanda mu mugende wo mu karere ka Black Rock.

## N'ibiki bili muli uyu mushinga?

**West Ave.** *(kuva Breckenridge St. kugera kuli Lafayette Ave.):*

- Umuyoboro munini mushya uhulizwamo imyanda yose
- Gusimbura imiyoboro yahulizwagamo imyanda ku mpande zombi
- Kwongera gucomekanya n' imiyoboro yo ku mpande z'amacumbi/amazu
- Umuyoboro mushya w'amazi utarangwamo uburozi bwa absesto
- Gusimbuza imhombo zose z'amazi zilimo uburozi bwa absesto,zigasimbuzwa imhombo zikozwe mu butare bw'umulinga
- Kwongera gushyiramo kabulimbo.


**Breckenridge St.** *(kuva West Ave. kugera kuli Herkimer St.):*

- Kwongera gutunganya bundi bushya umuyoboro uhulizwamo imyanda iva mu yindi miyoboro

## N'IBIHE BYIZA BIZAVA MO?

- ☑ Kugabanya ubwinshi bw'intungamubili zisukiranya mu mugende wa Black Rock Canal iyo haguye imvura/amahindu ku buryo bukabije, no kugabanya ibyanduza amazi
- ☑ Kubuza utugunguru miliyoni 8 tw'imyanda inyuranye kwisuka mu mugende wa Black Rock buli mwaka waranzwe n'imvura/ amahindu bisanzwe

## IGICE KIREBWA N' UYU MUSHINGA




Umuyoboro uzajya utwara amazi y'imvura n'imyanda ituruka mu ngo kuva kuli **West Ave** hagati ya **Lafayette Ave** na **Breckenbridge St** no gukora umushya munini utwara amazi

Imbibi z'umusaso mushya w'umuhanda

Gufatira ku miyoboro iva mu nyubako no gusimbura imiyoboro itwara amazi yabonetsemo uburozi bwa absesto n'imiyoboro ituruka mu nyubako zihali (impande zombie za **West Ave**; amazu bireba aragaragazwa)

Gusimbura umuyoboro w'uruhulirane ku mpande zombie za **West Ave** hagati ya **Lafayette Ave** na **Breckenbridge St.**

Gushyira umuyoboro mu muyoboro munini uhasanzwe utwara imyanda hagati muli **Breckenbridge St**, hagati y'imihanda ya **West Ave** na **Herkimer St.**

## N'IZIHE NGARUKA IMILIMO Y'UBWUBATSI IZAGIRA KU BUCURUZI NO KUYINDI MILIMO?

Nta ngaruka imilibo izagira ku bucuruzi bwo kuli iyo mihanda, kandi hazaba hali ibyapa byerekana aho abashinzwe ubutabazi banyura kugirango babashe kugera kubashobora kubakenera bose n'iyo haba hali imihanda ifunze.

## HALI IKIZAHINDUKA KULI PARKING Z'IBINYABIZIGA BITWARA ABANTU N'IBINTU MU GIHE UBWUBATSI BUZAMARA?

Mugihe cy'imilimo y'ubwubatsi, hali ibishobora guhinduka mu gihe gito aliko ubwikorezi buzakomereza ku nzira nshya zizerekanwa n'ibyapa. Izo nzira zizamenyekanishwa imilimo itaratangira.

## INGARUKA KU BINYABIZIGA

Mu gihe cy'imilimo y'ubwubatsi, abahatuye bitegure kuzabona ibikoresho by'ubwubatsi mu mihanda n'impinduka ku byerekeye ingendo, halimo:


- Umuhanda ufunzwe uruhande rumwe/ahantu hagufi cyangwa ufunzwe wose
- Inzira z'abanyamaguru zifunze
- Kugabanyuka kw'aho imodoka zihagarara n'igihe zishobora kuhamara
- Inzira ziziguye

Amafoto ali iburyo arerekana ingero z'igihe cy'umushinga mu bihe byashize, kugirango umenye uko ingendo zishobora kuzaba zimeze








## GUFUNGA CYANGWA GUTANGA INZIRA IZIGUYE KUBAKORESHA IMIHANDA YA LAFAYETTE AVE NA WEST AVE


Igihe imilimo y'ubwubatsi izaba igeze aho Lafayette Ave ihulira na West Ave, iryo huliro lizagomba gufungwa mu gihe cy'ibyumweru byinshi kubera ko hazubakwa icyobo kizajya cyakira imyanda n'aho kizajya kiyimena. Hazaba hali ibyapa byereka abagenzi aho banyura muli iki gihe nk'uko bigaragara hano hasi.




## IKIGERERANYO CY'IGIHE BIZAMARA

Imilimo iteganijwe kuzatangira itumba rya 2026 lirangiye, ikazarangira mu mpera za 2028. Hateganijwe ko imilimo izajya irangira mu byiciro bigufi (hagati y'imihanda ibili yambukiranya, nk'uko bigaragara ku gishushanyo kili hano hasi. **Kugabanya imilimo mo ibice bigufi bizafasha mu kworohereza abagenzi muli karitsiye no kulinda abahatuye urusaku n'umukungugu, uko bishoboka.**

**Inyandiko zimenyesha zihabwa abahatuye**
**Byibuze icyumweru kimwe mbere y'uko imilimo itangira, kandi hazaba halimo amakuru arambuye**




## IYI MILIMO IZALIHIRWA ITE?

Ikigo cya Buffalo Sewer nicyo kizaliha imilimo gikoresheje inguzanyo isabwaho inyungu iciliritse, kandi kizasaba leta ya New York gutanga amafranga y'ubuntu yunganira uyu mushinga

BUFFALO
SEWER AUTHORITY
QUEEN CITY CLEAN WATERS

Ushaka andi makuru ku mushinga n'igihe uzakorerwa yakorera scan igishushanyo cya QR Amakuru mashya mu gihe imilimo izaba ikorwa wayasanga aha construction.


Aho wabaliza: 716.851.4664 QueenCityCleanWaters@buffalosewer.org www.buffalosewer.org